Vidimus Stellam eius

**GUTANGIZA KU MUGARAGARO IMYITEGURO YA SINODI Y'ABEPISKOPI IZABERA I ROMA MU MWAKA WA 2023**

***Ruhengeri, kuwa 17 Ukwakira 2021***

Basaserdoti,
Bihayimana,
Bakristu bavandimwe,

1. Nk'uko benshi mwabyumvise mu itangazamakuru, Umushumba wa Kiliziya Gatolika ku isi, Nyirubutungangane Papa Fransisiko yatangaje kandi atumiza inama rusange isanzwe ya Sinodi y'Abepiskopi izateranira i Roma mu kwezi k'Ukwakira 2023.

2. Insanganyamatsiko y'iyo Sinodi y'Abepiskopi iragira iti:***"Kiliziya igendera hamwe : mu bumwe, mu bufatanye no mu butumwa" (Pour une Eglise synodale: Communion, participation, mission"***.

3. Papa Fransisko yashatse ko haba umwanya uhagije wo gutegura iyo Sinodi. Iyo myiteguro igomba kurangwa n'isengesho kugirango Roho Mutagatifu amurikire buri wese mu gutekerereza hamwe no gutanga inama ku nzira zo gukemura ibibazo Kiliziya ifite ubu. Papa rero arasaba ko abakristu b'isi yose, mu nzego zose, abakuru n'abato, abakomeye n'abaciye bugufi, bose, ijambo ryabo, ibitekerezo byabo byakumvikana muri iyi myiteguro y'inama rusange isanzwe ya Sinodi y'Abepiskopi iteganyijwe muri 2023.

4. Papa yatangije ku mugaragaro imirimo itegura Sinodi ku itariki ya 09 Ukwakira 2021 afungura inama nyunguranabitekereza i Roma, no kuya 10 Ukwakira 2021 atura Igitambo cy'Ukaristiya hamwe n'abakristu i Roma asabira umugisha w'Imana imirimo itandukanye izakorwa itegura Sinodi izaba mu Ukwakira 2023.

5. Papa yasabye kandi ko Umwepiskopi wese yatangiza muri Diyosezi abereye Umushumba imirimo itegura iyo Sinodi ku **matariki ya 16 na 17 Ukwakira 2021**. Ni muri urwo rwego ejo nagiranye inama nyunguranabitekerezo n'abasaserdoti, abihayimana n'abalayiki babahagarariye. Uyu munsi, nashatse kuba ndi hamwe namwe mu rwego rwo gutangiza imyiteguro ya Sinodi. Nbabasaba kuzagira uruhare rugaragara mu gufasha Kiliziya kwivugurura mu buzima bwayo, mu mikorere yayo no mu butumwa bwayo.

6. Bakristu bavandimwe, ndabasaba kuzitabira gahunda zose zisabwa kugirango imyiteguro y'iyi sinode izagende neza. Muzarangwe no gutega amatwi Roho Mutagatifu mu isengesho. Ndabasaba kuzitabira inama zitandukanye muzajya mukorera mu matsinda ku butumire bw'abo nahaye ubutumwa bwo gukusanya ibitekerezo ku ngingo ziteganijwe kwigwaho.

7. Muri iyi Misa yaturiwe none muri Katedrali ya Ruhengeri, ntangije ku mugaragaro muri Diyosezi ya Ruhengeri imirimo yo kwitegura Sinodi y'Abepiskopi yo mu kwezi k'Ukwakira 2023.

Bikira Mariya Umwamikazi wa Fatima n'Umubyeyi wa Kiliziya adusabire.

Imana ibahe umugisha.

**✠Vincent HAROLIMANA**
**Umwepiskopi wa Diyosezi ya RUHENGERI**

VINCENTIUS HAROLIMANA
EPISCOPUS RUHENGERIENSIS